REPUBULIC OF RWANDA

EASTERN PROVINCE
NGOMA DISTRICT

# ITANGAZO RYA MUTATION

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngoma buramenyesha abarimu bose basaba kwimukira mu Karere ka Ngoma cyangwa kwimukira kubindi bigo (**internal transfer** ) ko basabwe kuzana ibyangombwa bikurikira:

1° ibaruwa ibisaba yandikirwa Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma.

2° icyemezo cy'uko yagize amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya mirongo irindwi ku ijana (70%) mu mwaka w'amashuri atangiyemo ubwo busabe;

3° icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umugenzuzi w'uburezi ku rwego rw'Umurenge;

4° icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe.

Abifuza kwimukira mutundi turere ;kubyangombwa byavuzwe haruguru bongeraho icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere w'aho ishuri yifuza kujya kwigishamo riherereye kigaragaza ko aho yifuza kujya kwigisha hari umwanya;

. ***Kwakira ibyangombwa bizarangira taliki ya .15../.07../2020 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).***

Mugire amahoro

Bikorewe i Ngoma kuwa .23../.06.../2020

AKARERE KA NGOMA

**NAMBAJE Aphrodise**
Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma